# Isomo rya 01: Gutegura ingemwe za Kawa

**IGIHE:** Amasaha 2

**ABAHUGURWA:** Abahinzi

**UHUGURA:** Uhugura Abahinzi


**AHO ABERA:** Mu murima

**INTEGO:**
- **INTEGO YA 1**: Akamaro ko gutegura neza ingemwe za kawa n'igihe gikwiriye cyo kuzitegura
- **INTEGO YA 2**: Guhitamo imbuto no gutegura ubuhumbikiro
- **INTEGO YA 3**: Kwita ku ngemwe mu buhumbikiro no muri pepiniyeri

**IBIKORESHO:**

- Umucanga wo mu mazi
- Akayunguruzo gafite utwenge twa mm5
- Sheetingi yo kwanikaho umucanga
- Arozwari
- Imbaho, imisumari, inyundo ….
  Isuka, igitiyo, lato

| TIME | CONTENT OUTLINE |
|---|---|
| | **IMYITEGURO YA MBERE Y'AMAHUGURWA:**<br>▪ IBUTSA cooperative guhitamo ubwoko bwa kawa buberanye n'agace iherereyemo<br>▪ REBA ahantu heza haberanye no guhimbika no kurerera ingemwe<br>▪ KUSANYA ibikoresho bikenewe byose nibura ibyumweru 2 mbere y'amahugurwa.<br>▪ IBUTSA cooperative guteganya ingengo y'imari ihagije yo gukurikirana imirimo yo muri pepiniyeri mugihe cy'amezi 10<br><br>**Tegura urutonde rw'ibikoresho bikenewe:**<br>• Umucanga wo mumazi<br>• Akayunguruzo<br>• Shitingi<br>• Imbaho, imisumari n'inyundo<br>• Arozwari |

| | |
|---|---|
| | • Isuka, igitiyo na lato |
| **5'** | **GUTANGIRA:**<br>**KWIBWIRANA:**<br>○ Uhugura<br>○ Abahugurwa<br>○ Abashyitsi<br><br>**KWIBUKIRANYA:** amahugurwa y'ubushize ubaza abahinzi ibibazo bimwe na bimwe.<br><br>**GUSUBIRAMO INTEGO:**<br><br>▪ Uyu munsi turiga kuburyo bwo kubugabunga igicucu mu ikawa. Turarebera hamwe akamaro k'igicucu mu murima wa kawa, ubwoko bw'ibiti bitanga igicucu cyiza mu ikawa , hanyuma dukore umwitozo wo gutera igiti mu ikawa.<br><br>**UMWITOZO: Agakino ko kwishyushya**<br>Toranya agakino ko kwishyushya kaberanye abahugurwa. |
| **10'** | ▪ **INTEGO YA 1**: Akamaro ko gutegura neza ingemwe za kawa n'igihe gikwiriye cyo kuzitegura<br><br>**Baza: Nigute umenya ubuso bukenewe mu guhumbika?**<br><br>**Igisubizo:**<br><br>Kugirango umenye ubuso bwo guhumbikaho kawa, ubanza kumneya umubare w;ingemwe za kawa ukeneye gutegura.<br><br><br><br><br>- Ikilo kimwe cy'ikawa z'amaganda kibamo imbuto 2,200<br><br>- Akabuto kamwe kangana **na santimeterokare imwe** kagahumbikwa kuri centimetero kare 5.<br><br>Urugero, niba ukeneye ingemwe ibihumbi 22, umuhizi azakenera guhumbika ibiro 10 by'imbuto, bigahumbikwa kuri 22,000x5 $cm^2$ = 110,000 $cm^2$ = 1100 $m^2$<br><br>**Baza: Kuki hakenerwa gutegura ubuhumbikiro?**<br><br>**Igisubizo:** |

| | |
|---|---|
| | Umusaruro mwiza w'ikawa utangirira ku ngemwe nzima kandi ziteguwe neza. Ingemwe zateguwe neza zishobora gutanga ikawa mu gihe kirenze imyaka 30, bikongera inyungu z'umuhinzi kandi bigateza imbere ubukungu bw'igihugu. Ingemwe nziza kandi zifite ubuzima bwiza ni zo shingiro ry'umusaruro mwiza w'ikawa. Imbuto za kawa zihumbikwa mu kwezi k'Ukwakira n'Ugushyingo kugira ngo haboneke ingemwe zikomeye, zikura neza kandi zitange umusaruro mwinshi. Ni yo mpamvu ari ngombwa gutegura no kurera ingemwe mbere y'igihe, mu buryo bukwiye kandi bunoze.<br><br>**Baza:** Ni ikihe gihe cyiza cyo gutegura ubuhumbikiro?<br><br>**Igisubizo:** Nzeri-Ugushyingo ( Guhumbika bikorwa mu muhindo mugihe cy'imvura) |
| **10'** | ▪ **INTEGO YA 2: Guhitamo imbuto no gutegura ubuhumbikiro.**<br><br>o Abahinzi bagomba gukoresha imbuto zemewe kandi zifite ubuziranenge bwo hejuru, zitangwa n'ibigo byizewe<br>o Imbuto nziza za kawa zo guhumbika, zitegura kandi zigatangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuhinzi n'ubworozi RAB<br>o Abahinzi bagomba kubaza ikigo cy'igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) ubwoko bwa kawa buberanye n'agace bashaka kuyihingamo<br><br>**Intambwe ya 1Gutegura ubutaka buhumbikwaho**<br><br>- Hitamo ahantu hadahanamye kandi hatareka amazi<br><br>- Hinga neza kandi uringanize ubutaka ukoresheje isuka na lato<br><br>-  |

**50′**

**Intambwe ya 2**


**Kuyungurura :** Koresha akayunguruzo k'umucanga ka mm 5 kugirango ukure amabuye, ibyatsi n'indi myanda idakenewe mu mucanga wo mu mazi.

**Kwanika:** Nyanyagiza umucanga kuri shitingi uyanike mugihe cy'iminsi 14 kugirango izuba ryice bagiteri n'uduhumyo bishobora kwangiza imbuto mu buhumbikiro.

**Gushyira umucanga mu buhumbikiro**

- Cukura umugende ku bujyakuzimu bwa cm20

  - Tegera umugende ukoresheje imbaho ukore urukuta rwa cm40
  - Uzuza umugende umucanga wanitswe kandi uyunguruye.




**Baza:** Ni akahe kamaro ko gutegura ubuhumbikiro

**Ibisubizo:**

- ✓ Bituma imizi ikura ari miremire kandi igororotse: Umucanga utuma ingemwe zikura zigira imizi miremire kandi igororotse. Imizi igororotse ni ingenzi mumikurire ya kawa, kuko iyo imizi yagoramye, mukugemura ingemwe za kawa ziruma
- ✓ Birinda indwara zituruka mu butaka: Gukoresha umucanga bifasha kwirinda indwara ziterwa na bagiteri n'uduhumyo two mu butaka, bigatanga ahantu hasukuye kandi heza ho gukuriza ingemwe

**Baza : Kuki tudakenera gushyira ifumbire mu buhumbikiro?**

**Ibisubizo:**

Imbere mu rubuto rwa kawa habitsemo intungagihingwa zihagije zifasha mu kumera no kuzana imizi, mbere y'uko ifumbire yo hanze ikenerwa.


**Intambwe ya 3 Kuringaniza ubuhumbikiro**


- Koresha akabaho kugirango ureshyeshye ubuhumbikiro, bityo ubuhumbikiro bwose bubashe kubika amazi n'ubushyuhe kukigero kimwe. Ibi bituma imbuto zimerera rimwe zikanakura kukigero kimwe.

**Intambwe ya 4: gutegura imbuto mbere yo kuzibiba mu buhumbikiro**

- Koresha lato niba uyifite kugirango imbuto zose ziterwe k’ubujyakuzimu bureshya.

- Niba aka gakoresho utagafite, koresha akati, uce utugende twa cm1 y’ubujyakuzimu. Hagati y’akagende n’akandi sigamo cm5



- Tumbika imbuto za kawa uzatera ijoro ryose.
- Mu gitondi, kuramo imbuto zose zarerembye kuko zishobora kuba zirwaye bityo ntizizamere.
- Ku munsi wo guhumbika, twikiriza igunira umucanga uwuvomerera kuburyo buhagije.
- Koreha lato/Kumade cyangwa agate uce imirongo igororotse kandi ifite ubujyakuzimu bungana bwa cm1. Hagati y’umurongo n’undi sigamo cm5

**Intambwe ya 5 Gutera urubuto**



- Tera urubuto urwubitse neza kandi uzegeranye. Iyo urubuto rutubitse rushobora kubora ntirumere.
- Irinde kugerekeranya imbuto.
- Twikiriza imbuto agacanga gahoro kandi uringanize neza ubuhumbikiro
- Twikirizaho igunira hanyuma uvomerere kuburyo bungana ubuhumbikiro
- Vomerera kabiri k’umunsi kugeza imbuto zitangiye kumera. (Nyuma y’iminsi 40)

**35’**


**INTEGO YA 3**: Kwita ku ngemwe mu buhumbikiro no muri pepiniyeri

**Ni ryari hategurwa pepiniyeri?**


**ibisubizo:**

Mugihe cy'iminsi 40, cyo kumera kw'imbuto, tangira gutegura:

- Tegura ibihoho nibura bifite umuramabararo wa cm15 n'ubujyakuzimu bwa cm25.
- Tegura pepiniyeri ushingiye k'umubare w'ingemwe ukeneye gutegura
- Sakara pepiniyeri k'ubuhagarike bwa m1.8 kugirango byorohere bakazi kugendagenda bakora imirimo yo kubagara, kuvomerera no kurwanya indwara n'ibyonnyi.
- Sakaza shadenet kugirango ugabanye ubukana bw'izuba. Ushobora gusakaza ibindi byatsi mugihe shadnet utabashije kuzibona
- Tegura umutabo ufite ubugari bwa cm10o cyangwa 120 kugirango abakozi babashe gukora imirimo batagombye gukandagira mu mutabo hagati
- Shyiramo inzira ya 60 cm hagati y'umutabo n'undi byoroshye kugendagenda muri pepiniyeri
- Nyuma y'iminsi 40 imbuto zitewe , ingwemwe ziba zifite amababi 2, zishobora kugemekwa mu bihoho
- Uzuza neza kandi utsinadagire ibihoho ubutaka  bwiza buvanze n'ifumbire mborera iboze neza.




- Kugemeka mu bihoho, bigomba gukorwa mu gitondo kare ubushyuhe butaraba bwinshi kugirango butangiza ingemwe
- Genzura imizi y'ingemwe utere ingemwe zifite imizi igororotse gusa






Koresha agati kagororotse, ucukure umwobo hagati mu gihoho

Tereka urugemwe mu kobo neza wirindako imizi yagorama cyangwa igakora kundiba y'igihoho

Vomerera ingemwe zashyizwe mu bihoho mugitondo na nimugoroba

| | |
|---|---|
| | Tera ifumbire ya NPK gr 4 inshuro ebyiri: muri Werurwe no muri Nzeri, mbere yo kujyana ingemwe mu murima |
| **5'** | **GUSOZA:**<br><br>**Gusuzuma ibyigwa by'ingenzi**<br><br>**BAZO N'IBISUBIZO**<br>**INTAMBWE ZIKURIKIYEHO:**<br><br>Shimira abahinzi bitabiriye amahugurwa . |